# Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yitsamuraga, yashyiraga ikiganza cyayo cyangwa se umwambaro wayo ku munwa, ndetse ikanitsamura mu ijwi ryoroheje

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yitsamuraga, yashyiraga ikiganza cyayo cyangwa se umwambaro wayo ku munwa, ndetse ikanitsamura mu ijwi ryoroheje.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhiy, ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yitsamuraga; Icya mbere: Yashyiraga ikiganza cyayo cyangwa se umwambaro wayo ku munwa, kugira ngo hatagira igisohoka mu kanwa kayo cyangwa se mu mazuru yayo kikaba cyabangamira uwo bari kumwe. Icya kabiri: Yagabanyaga ijwi ryayo ntirizamure.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee